# {Vuga uti: QUL HUWALLAHU AHAD: We Allah ni umwe rukumbi, na Muawidhatayni [QUL AUDHU BIRABIL FALAQ], na [QUL AUDHU BIRABI A-NASI], igihe bwije n'igihe bucyeye inshuro eshatu, biguhagirije buri kintu

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Khubayb (Imana imwishimire) yavuze ko yavuze ati: Mu ijoro rimwe ryaguyemo imvura nyinshi, rifite n'umwijima mwinshi, twagiye gushaka Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kugira ngo ize ituyoborere iswalat, Abdullah aravuga ati: Nuko ndayibona, irambwira iti: "Vuga, sinagira icyo mvuga, irongera iravuga iti: Vuga, nuko sinagira icyo mvuga, irongera iravuga iti: Vuga, maze ndayibaza nti: Mvuge iki? Irambwira iti: {Vuga uti: QUL HUWALLAHU AHAD: We Allah ni umwe rukumbi, na Muawidhatayni [QUL AUDHU BIRABIL FALAQ], na [QUL AUDHU BIRABI A-NASI], igihe bwije n'igihe bucyeye inshuro eshatu, biguhagirije buri kintu."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawud na Tirmidhiy ndetse na A-Nasa'iy]

Umusangirangendo w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) Abdullah Ibun Khubayb (Imana imwishimire) yavuze ko mu ijoro rimwe ryaguyemo imvura nyinshi, rifite n'umwijima mwinshi, bagiye gushaka Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kugira ngo ize ibayoborere iswalat, nuko barayibona; Nuko Intumwa iramubwira iti: "Vuga, bisobanuye ngo soma, ntiyagira icyo abasha gusoma; Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irongera ibimusubiriramo, Abdullah arayibwira ati: Nsome ibiki yewe Ntumwa y'Imana? Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramubwira iti: {Vuga uti: QUL HUWALLAHU AHAD: We Allah ni umwe rukumbi, na Muawidhatayni [QUL AUDHU BIRABIL FALAQ], na [QUL AUDHU BIRABI A-NASI], igihe bwije n'igihe bucyeye inshuro eshatu, bizakurinda buri kintu cyose kibi."



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee